**A Kubaho witondera amategeko:**

- ❖ **Uburyo bwo kurwanya ihohoterwa (Kuva 21:1–32)**
  - — Igitabo cy'isezerano gitangira gikemura ibintu bitatu by'ingenzi mu muryango mugari w'Abaheburayo:
    - (1) *Abagurano (Kuva 21:2–11)*: Abagurano b'abagabo barekurwaga nyuma y'imyaka irindwi; Abagurano b'abagore babaga batarashaka nabo bararekurwaga iyo babishakaga; Umugabo abyishakiye yakomezaga kuba umugurano.
    - *(2) Igihano cy'urupfu (Kuva 21:12–17*): Ku wishe abigendereye; Ku wababaje cyangwa uwavumye umubyeyi; Ku washimuse umuntu.
    - *(3) Urugomo (Kuva 21:18–32)*: Inshingano y'indishyi z'umutungo; Iyo habaga gukuramo inda, umucamanza n'umugore (hamwe n'umugabo we) basabaga ihazābu.
  - — Aya mategeko yose agerageza gukumīra ihohoterwa n'urugomo hagati y'abantu.
- ❖ **Uburyo bwo kubana n'abandi (Kuva 21:33–23:19)**
  - — Imana ntiyanyuzwe no kuduha gusa amategeko "y'ibanze" ngo maze tuyakurikize uko twishakiye. Yitaye no ku gutanga ingero zifatika kugira ngo dushobore kuyakoresha neza.
  - — Izi ngero zirimo kwicana kw'amatungo (Kuva 21:35–36); kuguriza no gutīra (Kuva 22:14–15); umubano w'abatarashaka (Kuva 22:16), n'ibindi.
  - — Hibandwa cyane cyane ku kurinda abanyantege nke n'abasigaye inyuma, ariko badahawe inyungu badakwiriye—ni ukuvuga, kutagoreka ubutabera ngo babyungukiremo cyangwa ngo babihomberemo (Kuva 22:21–23; 23: 2–3, 6).
  - — Kuba aya mategeko ari isezerano hagati y'Imana n'ubwoko bwayo, nayo yarimo uburyo tugomba kubana na Yo. Icyiyongereye ku kiruhuko cy'Isabato, hari hanarimo inshingano yo kubahiriza iminsi mikuru itwibutsa kubatūrwa ku cyaha, uburinzi bw'Imana, n'ahazaza hahebuje hadutegereje.
- ❖ **Uburyo bwo kugera ku kunesha (Kuva 23:20–33)**
  - — Kuki Imana itahaye Aburahamu igihugu cy'Abanyakanani? "Kuko gukiranirwa kw'Abamori kutaruzura" (Itangiriro 15:16).
  - — Nyuma y'ibinyejana bine by'imbabazi, Abanyakanani ntibari barahinduye inzira zabo. Igihe cyari gisohoye cyo guha Isirayeli igihugu… mu mahoro! (Kuva 13:17)
  - — Kuba Imana yarabakuye muri Egiputa batabanje kurwana, ikagabanya inyanja mo kabiri, ikabagaburira mu buryo bw'igitangaza, ikanabayoboresha Marayika wayo… Ese ntiyari gushobora kubaha Kanani batabanje kubirwanira?
    - (1) Imana ibwira Abisirayeli cyo gukora
      - (a) Kumva ijwi ry'Imana, kugira ngo ibe umwanzi w'abanzi babo (23:21–22)
      - (b) Gukorera Imana yonyine, kugira ngo ikureho indwara zose (23:24–26)
      - (c) Kutagirana amasezerano n'abanyakanani, bityo [Abisirayeli] bakirinda kuramya imana zabo (23:32–33)
    - (2) Imana ibwira Abisirayeli icyo igiye gukora
      - (a) Izohereza Marayika wayo kubarinda no kubazana [uburinzi] (23:20)
      - (b) Marayika azajya imbere yabo abageze i Kanani [ubuyobozi] (23:23)
      - (c) Izohereza igitinyiro ku bahatuye (23:27)
      - (d) Izohereza amavubi yirukane abanyakanani (23:28)
      - (e) Izabirukana buhoro buhoro (23:29–30)
      - (f) Azabagabiza igihugu kugeza igihe [Abisirayeli] bazigarurira kuva kuri Mediteraneya kugeza kuri Ufurate (23:31)

**B Uburyo bwo gusobanukirwa amategeko:**

- **Amategeko ku byo kwihorera.**
  - Ese igihe Yesu yatangaga Ikibwiriza cyo ku Musozi, yakuyeho amategeko yo kwihorera (Matayo 5:38–42)… cyangwa si byo?
  - Imvugo ngo "Mwumvise ko byavuzwe… ariko jyeweho ndababwira" ntabwo yakuyeho itegeko iryo ari ryo ryose (Yesu yakoresheje imvugo nk'iyo no ku mategeko "ntukice" cyangwa "ntugasambane," ariko ntiyigeze ashaka kuyakuraho). Mu kuri, Yesu yahoraga yāgūra Amategeko, akayazamura, maze akayaha ubusobanuro nyakuri.
  - Ntabwo intego nyayo y'amategeko ku byo kwihorera yigeze iba ko umuntu agomba gutakaza ijisho cyangwa ukuboko kubera kugirira nabi undi.
  - Iri tegeko ryashyiriweho gukumira kwihorera, guhagarika amakimbirane avusha amaraso, no guhōra habanje ubugenzuzi. Ibyangijwe byagombaga gusuzumwa n'abacamanza, hanyuma hagashyirwaho indishyi zikwiriye z'impiya kandi zikishyurwa. Iyi migirire yashyiriweho kubuza abantu kwifatira ubutabera mu biganza byabo. Ubutabera bwari bukenewe, ariko bugahuza n'Amategeko y'Imana.
- **Ingororano n'ibihano.**
  - Icyifuzo cyo kwihorera cyashinze imizi muri twe. Kandi buri gihe kiba ntaho gihuriye n'ikibi twakorewe: "Niba ankoreye ibi, nzamukorera ibirenze".
  - Yesu aturarikira gukora ibinyuranye n'ibyo twifuza: kwitūra ineza ku kibi twakorewe (Matayo 5:44). Nonese ubutabera buri he? Ninde uzītūra umunyacyaha ibyo akwiriye?
  - Imana ntabwo itubwira ko uwasagariye abandi atazahanwa, cyangwa ko igikorwa icyo ari cyo cyose kizahorerwa. Ariko itubwira neza ko ari Yo izahōra (Abaroma 12:19–21).
  - Nubwo kwihorera umuntu ku giti cye byihanganirwaga mu gitabo cy'isezerano, byahagaritswe ubwo hashyirwagaho imikorere y'ubucamanza ikumīra ikoreshwa nabi ryabyo (Kuva 21:12–13, 22; 22:8–9).
  - Nta washobora icyarimwe inshingano z'urega, inteko iburanisha, n'ushyira igihano mu bikorwa. Niba igihano kigomba gutangwa, bigomba kunyura mu butabera buboneye. Kandi Kristo ni We uzaba Umucamanza w'ikirenga kandi uheruka.